NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

**ITANGAZO**

**KWIYANDIKISHA MU BIZAMINI BISOZA AMASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE (2023/2024)**

Ubuyobozi bwa NESA buramenyesha abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza, amashuri yisumbuye yigisha inyigisho rusange, amashuri atanga inyigisho mbonezamwuga (Professional Education) ndetse n'amashuri yisumbuye ya Tekinike (TSS) ko kwandika abanyeshuri bazakora ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza n'ayisumbuye mu mwaka w'amashuri wa 2023/2024 bizatangira gukorwa kuva **kuwa mbere tariki ya 26/02/2024** kugeza **ku cyumweru tariki ya 31/03/2024**.

Kugirango umukandida yiyandikishe asabwa ibi bikurikira:

- **Amashuri abanza (P6)**: Gushyira ifoto ku mwirondoro wa buri mukandida bikorerwe muri SDMS no guhitamo amashuri umwana yifuza kuzigamo mu mwaka wa mbere (S1).
- **Icyiciro cya mbere cy'amashuri yisumbuye (S3)**: Gushyira ifoto ku mwirondoro wa buri mukandida bikorewe muri SDMS, gutegura indangamanota y'umwaka wa mbere (S1) n'umwaka wa kabiri (S2) no guhitamo amashuri n'amashami umwana yifuza kuzigamo mu mwaka wa kane (S4).
- **Icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye (S6, L5, Y3)**: Gushyira ifoto ku mwirondoro wa buri mukandida bikorewe muri SDMS, gutegura indangamuntu, kwandika no kwemeza indangamuntu muri SDMS (ID recording and verification), gutegura indangamanota y'umwaka wa kane (S4, L3, Y1) n'iy'umwaka wa gatanu (S5, L4, Y2) ndetse no gutegura icyangombwa kigaragaza ko umunyeshuri yarangije icyiciro rusange (S3).

**Ikitonderwa:**

Nta shuri ryemerewe gusaba abanyeshuri amafaranga yo kwiyandikisha cyangwa aya serivisi zijyanye no kwiyandikisha mu gukora ibizamini bya Leta.

Bikorewe i Kigali ku wa 21 /02/2024

NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY (NESA)

**Ubuyobozi bwa NESA**